



Umwaka wa 62
Igazeti ya Leta n° 49 Bis yo
ku wa 11/12/2023

Year 62
Official Gazette n° 49 Bis of
11/12/2023

62^{ème} Année
Journal Officiel n° 49 Bis du
11/12/2023

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

Iteka rya Perezida/ Presidential Order/ Arrêté Présidentiel

| | |
|--|---|
| Iteka rya Perezida n° 077/01 ryo ku wa 11/12/2023 ryerekeye amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite..... | 2 |
| Presidential Order n° 077/01 of 11/12/2023 relating to elections of the President of the Republic and Deputies..... | 2 |
| Arrêté Présidentiel n° 077/01 du 11/12/2023 portant élections du Président de la République et des Députés..... | 2 |

| | | |
|---|--|---|
| <p>ITEKARYA PEREZIDA N° 077/01 RYO KU WA 11/12/2023 RYEREKEYE AMATORA YA PEREZIDA WA REPUBULIKA N'AY'ABADEPITE</p> <p style="text-align: center;"><u>ISHAKIRO</u></p> <p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p> <p><u>UMUTWE WA II: UMUNSI W'ITORA N'IGIHE CYO KWIYAMAMAZA MU MATORA YA PEREZIDA WA REPUBULIKA N'AY'ABADEPITE</u></p> <p><u>Ingingo ya 2: Umunsi w'itora rya Perezida wa Repubulika n'iry'Abadepite 53</u></p> <p><u>Ingingo ya 3: Umunsi w'itora ry'Abadepite batorwa n'inzeho zihariye</u></p> <p><u>Ingingo ya 4: Igihe cyo gutangira no gusozwa kwiyamamaza</u></p> | <p>PRESIDENTIAL ORDER N° 077/01 OF 11/12/2023 RELATING TO ELECTIONS OF THE PRESIDENT OF THE REPUBLIC AND DEPUTIES</p> <p style="text-align: center;"><u>TABLE OF CONTENTS</u></p> <p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p> <p><u>CHAPTER II: POLLING DATE AND ELECTORAL CAMPAIGN PERIOD FOR ELECTIONS OF THE PRESIDENT OF THE REPUBLIC AND DEPUTIES</u></p> <p><u>Article 2: Polling date for the President of the Republic and 53 Deputies</u></p> <p><u>Article 3: Polling date for Deputies elected by specific organs</u></p> <p><u>Article 4: Opening and closing of electoral campaign</u></p> | <p>ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 077/01 DU 11/12/2023 PORTANT ÉLECTIONS DU PRÉSIDENT DE LA RÉPUBLIQUE ET DES DÉPUTÉS</p> <p style="text-align: center;"><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p> <p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p> <p><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></p> <p><u>CHAPITRE II: JOUR DU SCRUTIN ET LA PÉRIODE DE CAMPAGNE ÉLECTORALE POUR LES ÉLECTIONS DU PRÉSIDENT DE LA RÉPUBLIQUE ET DES DÉPUTÉS</u></p> <p><u>Article 2: Jour du scrutin pour le Président de la République et les 53 Députés</u></p> <p><u>Article 3: Jour du scrutin pour les Députés élus par les organes spécifiques</u></p> <p><u>Article 4: Début et fin de la campagne électorale</u></p> |
|---|--|---|

| | | |
|--|--|--|
| <p>UMUTWE WA III: AMATORA Y'ABADEPITE B'ABAGORE BATORWA N'INZEGO ZIHARIYE, AY'ABADEPITE BAHAGARARIRA URUBYIRUKO, N'AY'UMUDEPITE UHAGARARIRA ABANTU BAFITE UBUMUGA</p> | <p>CHAPTER III: ELECTIONS OF FEMALE DEPUTIES ELECTED BY SPECIFIC ORGANS, DEPUTIES REPRESENTING THE YOUTH AND A DEPUTY REPRESENTING PEOPLE WITH DISABILITIES</p> | <p>CHAPITRE III: ÉLECTIONS DES DÉPUTÉES DE SEXE FÉMININ ÉLUES PAR DES ORGANES SPÉCIFIQUES, DES DÉPUTÉS REPRÉSENTANT LA JEUNESSE ET D'UN DÉPUTÉ REPRÉSENTANT LES PERSONNES HANDICAPÉES</p> |
| <p><u>Ingingo ya 5:</u> Ifasi y'itora ry'Abadepite 24 b'abagore</p> | <p><u>Article 5:</u> Electoral constituency for 24 female Deputies</p> | <p><u>Article 5:</u> Circonscription électorale pour les 24 Députées de sexe féminin</p> |
| <p><u>Ingingo ya 6:</u> Uburyo bushingirwaho mu gusaranganya imyanya y'Abadepite 24 b'abagore</p> | <p><u>Article 6:</u> Modalities for distribution of seats for 24 female Deputies</p> | <p><u>Article 6:</u> Modalités de distribution des sièges pour les 24 Députées de sexe féminin</p> |
| <p><u>Ingingo ya 7:</u> Imyanya igenewe buri fasi y'itora ry'Abadepite 24 b'abagore</p> | <p><u>Article 7:</u> Number of seats by electoral constituency for 24 female Deputies</p> | <p><u>Article 7:</u> Nombre de sièges par circonscription électorale pour les 24 Députées de sexe féminin</p> |
| <p><u>Ingingo ya 8:</u> Abagize inteko itora Abadepite 24 b'abagore</p> | <p><u>Article 8:</u> Composition of electoral college for 24 female Deputies</p> | <p><u>Article 8:</u> Composition du collège électoral pour les 24 Députées de sexe féminin</p> |
| <p><u>Ingingo ya 9:</u> Abagize inteko itora Abadepite babiri bahagararira urubyiruko</p> | <p><u>Article 9:</u> Composition of electoral college for two Deputies representing the youth</p> | <p><u>Article 9:</u> Composition du collège électoral pour les deux Députés représentant la jeunesse</p> |
| <p><u>Ingingo ya 10:</u> Abagize inteko itora Umudepite uhagararira abantu bafite ubumuga</p> | <p><u>Article 10:</u> Composition of electoral college for a Deputy representing people with disabilities</p> | <p><u>Article 10:</u> Composition du collège électoral pour le Député représentant les personnes handicapées</p> |
| <p><u>UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA</u></p> | <p><u>CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS</u></p> | <p><u>CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES</u></p> |

Official Gazette n° 49 Bis of 11/12/2023

| | | |
|---|--|---|
| <u>Ingingo ya 11:</u> Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka | <u>Article 11:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order | <u>Article 11:</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté |
| <u>Ingingo ya 12:</u> Ingingo y'ururimi | <u>Article 12:</u> Language provision | <u>Article 12:</u> Disposition linguistique |
| <u>Ingingo ya 13:</u> Gutangira gukurikizwa | <u>Article 13:</u> Entry into force | <u>Article 13:</u> Entrée en vigueur |

| | | |
|---|---|---|
| <p>ITEKA RYA PEREZIDA N° 077/01 RYO KU WA 11/12/2023 RYEREKEYE AMATORA YA PEREZIDA WA REPUBULIKA N'AY'ABADEPITE</p> <p>Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;</p> <p>Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda;</p> <p>Dushingiye ku Itegeko Ngenga n° 001/2019.OL ryo ku wa 29/07/2019 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 58, iya 91, iya 92 n'iya 93;</p> <p>Bisabwe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 29/11/2023 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>DUTEGETSE:</p> <p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere:</u> icyo iri teka rigamije</p> <p>Iri teka rigena –</p> | <p>PRESIDENTIAL ORDER N° 077/01 OF 11/12/2023 RELATING TO ELECTIONS OF THE PRESIDENT OF THE REPUBLIC AND DEPUTIES</p> <p>We, KAGAME Paul, President of Republic;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda;</p> <p>Pursuant to Organic Law n° 001/2019.OL of 29/07/2019 governing elections as amended, especially in Articles 58, 91, 92 and 93;</p> <p>On proposal by the Minister of Local Government;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 29/11/2023;</p> <p>DO ORDER:</p> <p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article One:</u> Purpose of this Order</p> <p>This Order determines –</p> | <p>ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 077/01 DU 11/12/2023 PORTANT ÉLECTIONS DU PRÉSIDENT DE LA RÉPUBLIQUE ET DES DÉPUTÉS</p> <p>Nous, KAGAME Paul, Président de la République;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda;</p> <p>Vu la Loi Organique n° 001/2019.OL du 29/07/2019 régissant les élections telle que modifiée, spécialement en ses articles 58, 91, 92 et 93;</p> <p>Sur proposition du Ministre de l'Administration Locale;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 29/11/2023;</p> <p>ARRÊTONS</p> <p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p> <p><u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté</p> <p>Le présent arrêté détermine –</p> |
|---|---|---|

Official Gazette n° 49 Bis of 11/12/2023

| | | |
|--|---|---|
| <p>(a) umunsi w'itora n'igihe cyo kwiyamamaza mu matora ya Perezida wa Repubulika n'ay'abagize Inteko Ishinga Amategekere, Umutwe w'Abadepite, mu mwaka wa 2024;</p> <p>(b) ifasi y'itora ry'Abadepite 24 b'abagore batorwa n'inzego zihariye hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu;</p> <p>(c) umubare w'imyanya kuri buri fasi y'itora ry'Abadepite 24 b'abagore batorwa n'inzego zihariye hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu;</p> <p>(d) abagize inteko itora Abadepite 24 b'abagore batorwa n'inzego zihariye hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu;</p> <p>(e) abagize inteko itora Abadepite bahagararira urubyiruko;</p> <p>(f) n'abagize inteko itora Umudepite uhagararira abantu bafite ubumuga.</p> | <p>(a) the polling date and the electoral campaign period for elections of the President of the Republic and members of Parliament, the Chamber of Deputies, in 2024;</p> <p>(b) the electoral constituency of 24 female Deputies elected by specific organs in accordance with the national administrative entities;</p> <p>(c) the number of seats for each electoral constituency of 24 female Deputies elected by specific organs in accordance with the national administrative entities;</p> <p>(d) the electoral college for 24 female Deputies elected by specific organs in accordance with the national administrative entities;</p> <p>(e) the electoral college for Deputies representing the youth; and</p> <p>(f) the electoral college for a Deputy representing people with disabilities.</p> | <p>(a) le jour du scrutin et la période de campagne électorale pour les élections du Président de la République et les membres du Parlement, la Chambre des Députés, en 2024;</p> <p>(b) la circonscription électorale des 24 Députées de sexe féminin élues par des organes spécifiques en fonction des entités administratives du pays;</p> <p>(c) le nombre de sièges pour chaque circonscription électorale des 24 Députées de sexe féminin élues par des organes spécifiques en fonction des entités administratives du pays;</p> <p>(d) le collège électoral pour les 24 Députées de sexe féminin élues par des organes spécifiques en fonction des entités administratives du pays;</p> <p>(e) le collège électoral pour les Députés représentant la jeunesse; et</p> <p>(f) le collège électoral pour le Député représentant les personnes handicapées.</p> |
|--|---|---|

| | | |
|---|--|--|
| <p>UMUTWE WA II: UMUNSI W'ITORA N'IGIHE CYO KWIYAMAMAZA MU MATORA YA PEREZIDA WA REPUBULIKA N'AY'ABADEPITE</p> <p><u>Ingingo ya 2: Umunsi w'itora rya Perezida wa Repubulika n'iry'Abadepite 53</u></p> <p>(1) Mu Gihugu hose, umunsi w'itora rya Perezida wa Repubulika n'itora ry'Abadepite 53 batorerwa kuri lisiti y'amazina ndakuka y'abakandida batangwa n'imitwe ya politiki cyangwa biyamamaza ku giti cyabo ni ku wa Mbere, tariki ya 15 Nyakanga 2024.</p> <p>(2) Ku Banyarwanda batorera hanze y'u Rwanda, umunsi w'itora rya Perezida wa Repubulika n'itora ry'Abadepite 53 batorerwa kuri lisiti y'amazina ndakuka y'abakandida batangwa n'imitwe ya politiki cyangwa biyamamaza ku giti cyabo ni ku wa Cyumweru, tariki ya 14 Nyakanga 2024, y'aho batorera.</p> <p><u>Ingingo ya 3: Umunsi w'itora ry'Abadepite batorwa n'inzeho zihariye</u></p> <p>Ku wa Kabiri, tariki ya 16 Nyakanga 2024–ni umunsi w'itora –</p> | <p>CHAPTER II: POLLING DATE AND ELECTORAL CAMPAIGN PERIOD FOR ELECTIONS OF THE PRESIDENT OF THE REPUBLIC AND DEPUTIES</p> <p><u>Article 2: Polling date for the President of the Republic and 53 Deputies</u></p> <p>(1) Throughout the country, the polling date for the President of the Republic and 53 Deputies elected from a final list of names of candidates proposed by political organisations or for independent candidates is Monday, 15 July 2024.</p> <p>(2) For Rwandan nationals who vote from outside Rwanda, the polling date for the President of the Republic and 53 Deputies elected from a final list of names of candidates proposed by political organisations or for independent candidates is Sunday, 14 July 2024, date of the place where they cast their ballots.</p> <p><u>Article 3: Polling date for Deputies elected by specific organs</u></p> <p>Tuesday, 16 July 2024 is the election day for –</p> | <p>CHAPITRE II: JOUR DU SCRUTIN ET LA PÉRIODE DE CAMPAGNE ÉLECTORALE POUR LES ÉLECTIONS DU PRÉSIDENT DE LA RÉPUBLIQUE ET DES DÉPUTÉS</p> <p><u>Article 2: Jour du scrutin pour le Président de la République et les 53 Députés</u></p> <p>(1) Dans tout le pays, le jour du scrutin pour le Président de la République et les 53 Députés élus sur une liste définitive des noms des candidats proposés par les formations politiques ou pour les candidats indépendants est le lundi 15 juillet 2024.</p> <p>(2) Pour les ressortissants rwandais votant à l'étranger, le jour du scrutin pour le Président de la République et les 53 Députés élus sur une liste définitive des noms des candidats proposés par les formations politiques ou pour les candidats indépendants est le dimanche 14 juillet 2024, date du lieu où ils votent.</p> <p><u>Article 3: Jour du scrutin pour les Députés élus par les organes spécifiques</u></p> <p>Le mardi 16 juillet 2024 est le jour réservé à l'élection de –</p> |
|---|--|--|

| | | |
|---|--|--|
| <p>(a) ry'Abadepite 24 b'abagore batorwa n'inzego zihariye, hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu;</p> <p>(b) iry'Abadepite babiri batorwa n'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko;</p> <p>(c) n'iry'Umudepite umwe uturwa n'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga.</p> <p><u>Ingingo ya 4: Igihe cyo gutangira no gusoza kwiyamamaza</u></p> <p>(1) Igikorwa cyo kwiyamamaza kw'abakandida mu itora rya Perezida wa Repubulika no mu itora ry'Abadepite gitangira ku wa Gatandatu tariki ya 22 Kamena 2024, y'aho kwiyamamaza bibera.</p> <p>(2) Ku bakandida batorwamo Perezida wa Repubulika n'abatorwamo Abadepite 53 batorerwa kuri lisiti y'amazina ndakuka y'abakandida batangwa n'imitwe ya politiki no ku bakandida biyamamaza ku giti cyabo, igikorwa cyo kwiyamamaza gisozwa ku buryo bukurikira:</p> | <p>(a) 24 female Deputies elected by specific electoral colleges in accordance with national administrative entities;</p> <p>(b) two Deputies elected by the National Youth Council; and</p> <p>(c) one Deputy elected by the National Council of Persons with Disabilities.</p> <p><u>Article 4: Opening and closing of electoral campaign</u></p> <p>(1) Electoral campaign for candidates for the election of the President of the Republic and election of Deputies starts on Saturday, 22 June 2024, date of the location where the electoral campaign takes place.</p> <p>(2) For candidates for the election of the President of the Republic and election of 53 Deputies to be elected from a final list of names of candidates proposed by political organisations and for independent candidates, the electoral campaign closes as follows:</p> | <p>(a) 24 Députés de sexe féminin élus par des collèges électoraux spécifiques en fonction des entités administratives du pays;</p> <p>(b) deux Députés élus par le Conseil National de la Jeunesse; et</p> <p>(c) un Député élu par le Conseil National des Personnes Handicapées.</p> <p><u>Article 4: Début et fin de la campagne électorale</u></p> <p>(1) La campagne électorale pour les candidats à l'élection du Président de la République et à celle des Députés commence le samedi, 22 juin 2024, date du lieu où se déroule la campagne électorale.</p> <p>(2) Pour les candidats à l'élection du Président de la République et à celle des 53 Députés élus sur une liste définitive des noms des candidats proposés par les formations politiques et pour les candidats indépendants, la campagne électorale prend fin comme suit:</p> |
|---|--|--|

| | | |
|---|---|--|
| <p>(a) ku wa Gatanu tariki ya 12 Nyakanga 2024, y’aho kwiyamamaza bibera hanze y’u Rwanda;</p> <p>(b) ku wa Gatandatu, tariki ya 13 Nyakanga 2024, imbere mu Gihugu;</p> <p>(c) ku bakandida batorwamo Abadepite n’inzego zihariye, igikorwa cyo kwiyamamaza gisozwa ku wa Gatandatu, tariki ya 13 Nyakanga 2024.</p> | <p>(a) on Friday, 12 July 2024, date of the location where the electoral campaign takes place, outside Rwanda;</p> <p>(b) on Saturday, 13 July 2024, in the country;</p> <p>(c) for candidates to be elected as Deputies by specific organs, the electoral campaign closes on Saturday, 13 July 2024.</p> | <p>(a) le vendredi 12 juillet 2024, date du lieu où se déroule la campagne électorale, à l’étranger;</p> <p>(b) le samedi 13 juillet 2024, sur le territoire national;</p> <p>(c) pour les candidats Députés élus par les organes spécifiques, la campagne électorale prend fin le samedi 13 juillet 2024.</p> |
| <p>UMUTWE WA III: AMATORA Y’ABADEPITE B’ABAGORE BATORWA N’INZEGO ZIHARIYE, AY’ABADEPITE BAHAGARARIRA URUBYIRUKO, N’AY’UMUDEPITE UHAGARARIRA ABANTU BAFITE UBUMUGA</p> | <p>CHAPTER III: ELECTIONS OF FEMALE DEPUTIES ELECTED BY SPECIFIC ORGANS, DEPUTIES REPRESENTING THE YOUTH AND A DEPUTY REPRESENTING PEOPLE WITH DISABILITIES</p> | <p>CHAPITRE III: ÉLECTIONS DES DÉPUTÉES DE SEXE FÉMININ ÉLUES PAR DES ORGANES SPÉCIFIQUES, DES DÉPUTÉS REPRÉSENTANT LA JEUNESSE ET D’UN DÉPUTÉ REPRÉSENTANT LES PERSONNES HANDICAPÉES</p> |
| <p><u>Ingingo ya 5:</u> Ifasi y’itora ry’Abadepite 24 b’abagore</p> <p>Ifasi y’itora ry’Abadepite 24 b’abagore batorwa n’inzego zihariye hakurikijwe inzego z’imitegekere y’Igihugu ni buri Ntara n’Umujyi wa Kigali.</p> | <p><u>Article 5:</u> Electoral constituency for 24 female Deputies</p> <p>The electoral constituency for 24 female Deputies elected by specific organs in accordance with the national administrative entities is each Province and the City of Kigali.</p> | <p><u>Article 5:</u> Circonscription électorale pour les 24 Députées de sexe féminin</p> <p>La circonscription électorale pour les 24 Députées de sexe féminin élues par des organes spécifiques en fonction des entités administratives du pays est chaque Province et la Ville de Kigali.</p> |

| | | |
|---|--|--|
| <p><u>Ingingo ya 6: Uburyo bushingirwaho mu gusaranganya imyanya y’Abadepite 24 b’abagore</u></p> <p>Isaranganya ry’imyanya y’Abadepite 24 b’abagore batorwa n’inzego zihariye hakurikijwe inzego z’imitegekere y’Igihugu rishingira ku mubare w’abatwaga batuye muri buri Ntara n’Umujyi wa Kigali.</p> <p><u>Ingingo ya 7: Imyanya igenewe buri fasi y’itora ry’Abadepite 24 b’abagore</u></p> <p>Imyanya y’Abadepite 24 b’abagore batorwa n’inzego zihariye hakurikijwe inzego z’imitegekere y’Igihugu isaranganywa ku buryo bukukira:</p> <ul style="list-style-type: none"> (a) Intara y’Amajyaruguru: imyanya ine; (b) Intara y’Amajyepfo: imyanya itandatu; (c) Intara y’Iburasirazuba: imyanya itandatu; (d) Intara y’Iburengerazuba: imyanya itandatu; (e) Umujyi wa Kigali: imyanya ibiri. | <p><u>Article 6: Modalities for distribution of seats for 24 female Deputies</u></p> <p>The distribution of seats for 24 female Deputies elected by specific organs in accordance with the national administrative entities is based on the number of the population of each Province and the City of Kigali.</p> <p><u>Article 7: Number of seats by electoral constituency for 24 female Deputies</u></p> <p>The seats for 24 female Deputies elected by specific organs in accordance with the national administrative entities are distributed as follows:</p> <ul style="list-style-type: none"> (a) Northern Province: four seats; (b) Southern Province: six seats; (c) Eastern Province: six seats; (d) Western Province: six seats; (e) City of Kigali: two seats. | <p><u>Article 6: Modalités de distribution des sièges pour les 24 Députées de sexe féminin</u></p> <p>La distribution des sièges pour les 24 Députées de sexe féminin élues par des organes spécifiques en fonction des entités administratives du pays est fondée sur le nombre de la population de chaque Province et de la Ville de Kigali.</p> <p><u>Article 7: Nombre de sièges par circonscription électorale pour les 24 Députées de sexe féminin</u></p> <p>La répartition des sièges pour les 24 Députées de sexe féminin élues par des organes spécifiques en fonction des entités administratives du pays est la suivante:</p> <ul style="list-style-type: none"> (a) la Province du Nord: quatre sièges; (b) la Province du Sud: six sièges; (c) la Province de l’Est: six sièges; (d) la Province de l’Ouest: six sièges; (e) la Ville de Kigali: deux sièges. |
|---|--|--|

| Ingingo ya 8: Abagize inteko itora Abadepite 24 b'abagore | Article 8: Composition of electoral college for 24 female Deputies | Article 8: Composition du collège électoral pour les 24 Députées de sexe féminin |
|--|---|---|
| <p>(1) Inteko itora Abadepite 24 b'abagore batorwa n'inzego zihariye hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu igizwe n'aba bakurikira:</p> <p>(a) Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego –</p> <p>(i) rw'Umudugudu;</p> <p>(ii) rw'Akagari;</p> <p>(iii) rw'Umurenge;</p> <p>(iv) rw'Akarere;</p> <p>(v) rw'Intara n'urw'Umujyi wa Kigali;</p> <p>(vi) no ku rwego rw'Igihugu;</p> <p>(b) Abagize Inama Njyanama z'Imirenge igize ifasi y'itora;</p> <p>(c) Abagize Inama Njyanama z'Uturere tugize Intara, ku rwego rw'Intara,</p> | <p>(1) Electoral college for 24 female Deputies elected by specific organs in accordance with the national administrative entities consists of the following:</p> <p>(a) Members of the Executive Committee of National Women Council at –</p> <p>(i) Village level;</p> <p>(ii) Cell level;</p> <p>(iii) Sector level;</p> <p>(iv) District level;</p> <p>(v) Province and the City of Kigali level; and</p> <p>(vi) national level;</p> <p>(b) Members of Sector Councils of the electoral constituency;</p> <p>(c) Members of Councils of Districts of the Province, at provincial level, or</p> | <p>(1) Le collège électoral pour les 24 Députées de sexe féminin élues par des organes spécifiques en fonction des entités administratives du pays est composé des personnes suivantes:</p> <p>(a) les membres du Comité Exécutif du Conseil National des Femmes au niveau –</p> <p>(i) du Village;</p> <p>(ii) de la Cellule;</p> <p>(iii) du Secteur;</p> <p>(iv) du District;</p> <p>(v) de la Province et de la Ville de Kigali; et</p> <p>(vi) au niveau national;</p> <p>(b) les membres des Conseils de Secteurs de la circonscription électorale;</p> <p>(c) les membres des Conseils des Districts de la Province, au niveau</p> |

| | | |
|---|--|--|
| <p>cyangwa abagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali, ku rwego rw'Umujyi wa Kigali.</p> <p>(2) Abagize Komite Nyobozi bavugwa mu gika cya (1)(a)(vi) cy'iyi ngingo batorera mu ifasi bazamukiyemo.</p> <p><u>Ingingo ya 9:</u> Abagize inteko itora Abadepite babiri bahagararira urubyiruko</p> <p>Inteko itora Abadepite babiri bahagararira urubyiruko igizwe na Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rwa buri Karere n'iyi ku rwego rw'Igihugu.</p> <p><u>Ingingo ya 10:</u> Abagize inteko itora Umudepite uhagararira abantu bafite ubumuga</p> <p>Inteko itora Umudepite uhagararira abantu bafite ubumuga igizwe n'aba bakurikira:</p> <p>(a) abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga ku rwego –</p> | <p>members of the Council of the City of Kigali, at level of the City of Kigali.</p> <p>(2) Members of the Executive Committee referred to in Paragraph (1)(a)(vi) of this Article cast their votes in the constituency in which they were first elected.</p> <p><u>Article 9:</u> Composition of electoral college for two Deputies representing the youth</p> <p>Electoral college for the two Deputies representing the youth consists of the Executive Committee of the National Youth Council at the level of each District and at national level.</p> <p><u>Article 10:</u> Composition of electoral college for a Deputy representing people with disabilities</p> <p>Electoral college for a Deputy representing people with disabilities consists of the following:</p> <p>(a) members of the Executive Committee of the National Council of Persons with Disabilities at –</p> | <p>de la Province, ou les membres du Conseil de la Ville de Kigali, au niveau de la Ville de Kigali.</p> <p>(2) Les membres du Comité Exécutif visés au paragraphe (1)(a)(vi) du présent article votent dans la circonscription dans laquelle ils ont été élus pour la première fois.</p> <p><u>Article 9:</u> Composition du collège électoral pour les deux Députés représentant la jeunesse</p> <p>Le collège électoral pour les deux Députés représentant la jeunesse est composé du Comité Exécutif du Conseil National de la Jeunesse au niveau de chaque District et au niveau national.</p> <p><u>Article 10:</u> Composition du collège électoral pour le Député représentant les personnes handicapées</p> <p>Le collège électoral pour le Député représentant les personnes handicapées est composé des personnes suivantes :</p> <p>(a) les membres du Comité Exécutif du Conseil National des Personnes Handicapées au niveau –</p> |
|---|--|--|

| | | |
|--|---|---|
| <p>(i) rw'Akarere;</p> <p>(ii) rw'Intara n'urw'Umujyi wa Kigali;</p> <p>(iii) no ku rwego rw'Igihugu;</p> <p>(b) Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga ku rwego rwa buri Murenge.</p> | <p>(i) District level;</p> <p>(ii) Province and the City of Kigali level; and</p> <p>(iii) national level;</p> <p>(b) the Coordinator of the National Council of Persons with Disabilities at each Sector level.</p> | <p>(i) du District;</p> <p>(ii) de la Province et de la Ville de Kigali; et</p> <p>(iii) au niveau national;</p> <p>(b) le Coordinateur du Conseil National des Personnes Handicapées au niveau de chacun Secteur.</p> |
| <p><u>UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA</u></p> | <p><u>CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS</u></p> | <p><u>CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES</u></p> |
| <p><u>Ingingo va 11: Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</u></p> | <p><u>Article 11: Authorities responsible for the implementation of this Order</u></p> | <p><u>Article 11: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</u></p> |
| <p>Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Minisitiri w'Urubyiruko na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.</p> | <p>The Prime Minister, the Minister of Local Government, the Minister of Foreign Affairs and International Cooperation, the Minister of Gender and Family Promotion, the Minister of Youth and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.</p> | <p>Le Premier Ministre, le Ministre de l'Administration Locale, le Ministre des Affaires Étrangères et de la Coopération Internationale, le Ministre du Genre et de la Promotion de la Famille, le Ministre de la Jeunesse et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.</p> |
| <p><u>Ingingo va 12: Ingingo y'ururimi</u></p> | <p><u>Article 12: Language provision</u></p> | <p><u>Article 12: Disposition linguistique</u></p> |
| <p>Iri teka ryateguwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p> | <p>This Order was drafted in Ikinyarwanda.</p> | <p>Le présent arrêté a été rédigé en Ikinyarwanda.</p> |

Official Gazette n° 49 Bis of 11/12/2023

| | | |
|---|--|--|
| <p><u>Ingingo ya 13: Gutangira gukurikizwa</u></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p> | <p><u>Article 13: Entry into force</u></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p> | <p><u>Article 13: Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p> |
|---|--|--|

Kigali, 11/12/2023

(Sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(Sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République:**

(Sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux